RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 16-23 Gicurasi




P1. Perezida wa Komite Olempike y'u Rwanda yagiranye ibiganiro n'Umunyabanga Mukuru wa CONFEJES, Madamu Louisette-Renée THOBI

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 Perezida wa Komite Olempike y'u Rwanda yagiranye ibiganiro n'Umunyabanga Mukuru wa CONFEJES, Madamu Louisette-Renée THOBI

P2 CNOSR: Abagore 33 n'abagabo 5 bitabiriye amahugurwa "Smart Women-Smart Sport"

P3 Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe cy'Isi cy'amarerero ya PSG

P4 Karate: Ikipe y'u Rwanda yegukanye imidali 4 mu irushanwa ryaberaga muri Kenya

P5 Rugby: Ikipe ya Lion de Fer na Kigali Sharks zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P6 ARPST: BK BBC yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P6 Football: Shampiyona y'u Rwanda igeze ku munsi wa 28

P7 Basketball: Habaye imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo

P7 BAL 2022: Ikipe ya US Monastir na Petro de Luanda zageze ku mukino wa nyuma

P8 Cricket: Sorwathe CC yegukanye igikombe cya shampiyona mu bagore

P9 Handball: Shampiyona y'u Rwanda yarakomeje muri weekend ishize

P10 NPC Rwanda: Ikipe ya Rwamagana na UR-Nyagatare nizo zegukanye shampiyona ya Goal Ball

P11 Football: Salima Mukansanga yashyizwe mu bazasifuraimikino y'Igikombe cy'Isi 2022

# Komite Olempike y'u Rwanda:

## Perezida wa Komite Olempike y'u Rwanda yagiranye ibiganiro n'Umunyabanga Mukuru wa CONFEJES, Madamu Louisette-Renée THOBI

Ku wa Mbere taliki 23 Gicurasi 2022, Perezida wa Komite Olempike y'u Rwanda Bwana Theo UWAYO yakiriye mu biro bye Umunyamabanga Mukuru w'Ihuriro ry'Abaminisitiri b'Urubyiruko na Siporo bo mu bihugu bikoresha ururimi rw'Igifaransa, Madamu Louisette-Renée THOBI.

Ibiganiro bagiranye byibanze ku mishinga yagira uruhare mu iterambere rya siporo y'u Rwanda nka kimwe mu bihugu bigize uwo muryango by'umwihariko umushinga witwa "Double Carrière" ugamije gutegura urubyiruko ruzitabira imikino Olempike y'Urubyiruko izabera i Dakar mu 2026.

Ku ruhande kandi rwa Komite Olempike y'u Rwanda, ibi biganiro bikaba byaranitabiriwe n'Umunyamuryango wa Komite Olempike Mpuzamahanga (IOC Member) Madamu Félicité Rwemarika na Visi Perezida wa kabiri Madamu Salama Umutoni.




*Uhereye ibumoso: Visi Perezida wa kabiri wa CNOSR Madamu Salama Umutoni, Perezida wa CNOSR Bwana Theo UWAYO, Umunyabanga Mukuru wa CONFEJES Madamu Louisette-Renée THOBI na IOC Member Madamu Félicité Rwemarika*

Andi mafoto wayasanga hano.

# Komite Olempike y'u Rwanda:

## Abagore 33 n'abagabo 5 bitabiriye amahugurwa "Smart Women-Smart Sport"

Kuva taliki 19 kugeza taliki 20 Gicurasi, Komite Olempike y'u Rwanda yateguye amahugurwa yiswe "Smart Women - Smart Sport", abera kuri Centre d'Acceuil Bonne Espérance - Kicukiro.

Aya mahugurwa y'iminsi ibiri akaba yaritabiriwe n'abantu 38 barimo abagore 33 bava mu mashyirahamwe y'imikino mu Rwanda, abakinnye imikino Olempike ndetse n'ibigo biri muri programme ISONGA "Sports Centers of Excellence in Schools".

Muri icyo gihe cy'iminsi ibiri, abitabiriye aya mahugurwa bahuguwe ndetse bungurana ibitekerezo ku bibazo byugarije umugore muri siporo nk'ihohoterwa, ibibazo byo mu mutwe (mental health issue), umubare ukiri muto w'abagore mu nzego za siporo n'ibindi.

Byitezwe ko imyanzuro yafatiwe muri aya mahugurwa izagira uruhare mu gufasha inzego za siporo gukomeza guteza imbere umugore muri siporo y'u Rwanda.

Aya mahugurwa yateguwe kandi ku bufatanye na Commission y'abagore muri Komite Olempike y'u Rwanda, aterwa inkunga na Olympic Solidarity.

Mu rwego rwo gufasha abanyamuryango (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) bayo mu guteza imbere imikino bafite mu nshingano, Komite Olempike y'u Rwanda ibagenera amahugurwa atandukanye hagamijwe guteza imbere urwego rw'imiyoborere, imitoreze, imisifurire, uburinganire muri siporo n'ibindi ndetse na programs zigenerwa gufasha abakinnyi bafite impano. Komite Olempike ikaba ikora ibyo bikorwa byose hagamijwe guteza imbere siporo y'u Rwanda muri rusange ku bufatanye na Ministeri ya Siporo.




*Abitabiriye amahugurwa bafashe ifoto y'urwibutso nyuma yo guhabwa impamyabushobozi zabo.*

Amahugurwa yafunguwe ku mugaragaro na Visi Perezida wa kabiri muri Komite Olempike y'u Rwanda Madamu Salama Umutoni mu gihe umushyitsi mukuru mu muhango wo kuyasoza yari IOC Member Madamu Félicité Rwemarika.

Andi mafoto wayasanga hano.

# Football:

## Ikipe y'u Rwanda yegukanye igikombe cy'Isi cy'amarerero ya PSG

Ikipe y'irerero rya PSG mu Rwanda « PSG Academy Rwanda » mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 13 yegukanye igikombe cy'irushanwa rihuza amarerero y'iyi kipe ku rwego rw'Isi « PSG Academy World Cup 2022 ». Iyi mikino yabereye i Paris mu Bufaransa kuva taliki 20 kugeza 23 Gicurasi 2022.

Iyi kipe yitwaye neza itsinda ku mukino wa nyuma Brazil igitego 1-0. Mu batarengeje imyaka 11, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na USA mu guhatanira umwanya wa 3.

**Inzira ikipe y'u Rwanda yaciyemo**

Mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 13, ikipe y'u Rwanda yari mu itsinda A hamwe na Qatar, USA, Koreya n'u Bufaransa. Ikipe y'abatarengeje imyaka 11 yari mu itsinda C hamwe na Misiri, Koreya na Qatar.

Ikipe y'abatarengeje imyaka 13 yatsinze Qatar ibitego 6-0, itsinda Koreya 4-0, itsinda USA ibitego 5-1 inatsinda u Bufaransa ibitego 3-0.

Muri ½ ikipe y'u Rwanda U-13 yatsinze Misiri ibitego 3-1 ihita igera ku mukino wa nyuma aho yatsinze Brazil igitego 1-0.

Ikipe yitwaye neza kuko mu mikino 6 yinjije ibitego 21, yinjizwa ibitego 3.

**Urutonde rw'abana bagize ikipe y'irerero rya PSG mu Rwanda bitabiriye iri rushanwa:**

Ujeneza Patrick, Masabo Byemayire Kent Collin, Nkurunziza Egide, Mugabo Arankunda Charmant, Umuhoza Nyssin, Munyaneza Zourara, Ganza Tabu Arlic, Byiringiro Bugingo Chance Salomon, Ishimwe Aime Thierry, Nshimiyimana Olivier na Shema Alan.

Abagiye baherekeje ikipe ni Rubanzi David, Murekatete Hamida, Nyirawemuntu Marie Grace na Ndanguza Theonas uyobora iri rerero « PSG Academy Rwanda ».

Irerero ry'umupira w'amaguru ry'ikipe ya PSG ryafunguwe mu Rwanda ku mugaragaro mu Gushyingo 2021 mu Karere ka Huye.

Uyu mushinga w'irerero ry'umupira w'amaguru ni umwe mu mishinga iri mu masezerano y'ubufatanye, u Rwanda rwagiranye n'ikipe ya PSG binyuze muri gahunda ya "Visit Rwanda " mu Kuboza 2019.






# Karate:

# Ikipe y'u Rwanda yegukanye imidali 4 mu irushanwa ryaberaga muri Kenya

Kuva taliki 16 kugeza 22 Gicurasi 2022, i Nairobi muri Kenya habereye imikino yo muri aka Karere ka Afurika y'Uburasirazuba "UFAK Eastern Region Karate Championship 2022" aho ikipe y'u Rwanda yitwaye neza yegukana imidali 4 harimo itatu ya zahabu n'undi umwe wa Feza.

Abakinnyi 3 ni bo baserukiye u Rwanda aho barushanwe mu kurwana "Kumite" ndetse no mu kwiyerekana "Kata" ahakinnye umukinnyi umwe.

Mu cyiciro cya kumite, mu bafite ibiro biri munsi ya 60, Shyaka Ndutiye Maic Roger yegukanye umudali wa zahabu, Ntwali Fiston mu batarengeje ibiro 67 yegukanye umudali wa zahabu ndetse na Niyitanga Halifa yegukana umudali wa zahabu mu bafite ibiro biri munsi ya 75.

Niyitanga Halifa yanegukanye kandi umudali wa Feza mu kwiyerekana "Kata".

Muri iri rushanwa kandi abasifuzi bo mu Rwanda, Ndayambaje Onesphore (Kumite), Ndacyayisenga Theophile (Kumite na Kata) na Fabrice Gahizi (Kumite) bakoze ibizamini bibazamura ku rwego rw'Afurika.

Iyi kipe y'u Rwanda yari yajyanye n'umutoza mukuru  Nkuranyabahizi Noël yitabiriye iyi mikino ku nkunga ya Komite Olempike y'u Rwanda binyuze muri gahunda yayo yo gutegura abakinnyi mu rwego rwo kubafasha kwitabira no kwitwara neza mu mikino mpuzamahangaa "Continental Athlete Support Grant".




*Niyitanga Halifa yegukanye umudali wa zahabu mu bafite ibiro biri munsi ya 75 n'umudali wa Feza muri Kata*




*Mu bafite ibiro biri munsi ya 60, Shyaka Ndutiye Maic Roger yegukanye umudali wa zahabu*



*Ntwali Fiston mu batarengeje ibiro 67 yegukanye umudali wa zahabu*

# Rugby: Ikipe ya Lion de Fer na Kigali Sharks zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Ku wa Gatandatu taliki ya 21 Gicurasi, Ishyirahamwe ry'Umukino wa Rugby mu Rwanda "RRF" ryateguye irushanwa ngarukamwaka ryo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "Rugby Genocide Memorial Tournament 2022".

Iri rushanwa ryabereye ku kibuga cya Croix Rouge ku Kacyiru ryegukanwe n'ikipe ya Lion de Fer mu bagabo na Kigali Sharks mu cyiciro cy'abagore.

**Amakipe yitabiriye**

**Abagabo:** Lion de Fer, Kigali Sharks, Muhanga Thunders, UR Rwamagana,UR Rukara, Thousand Hills, UR Huye Grizzlies, Rwamagana Hippos na Burera Tigers.

**Abagore:** UR Rwamagana, UR Rukara na Kigali Sharks

Ku ikubitiro, amakipe yahuye hagati yayo mu mikino y'amjonjora mu byiciro byombi, mu kiciro cy'abagabo amakipe4 ya mbere ahita akatisha itike yo gukina imikino ya ½, mu gihe mu kiciro cy'abagore habazwe uko batsindanye, iyatsinze imikino myinshi yegukana irushanwa.

**Uko imikino y'amajonjora yagenze mu cyiciro cy'abagabo:**

- Lion de Fer 20 – 00 Muhanga
- UR Huye 5 – 5 UR Rukara
- Kigali Sharks 00 – 00 Thousand Hills
- Rwamagana Hippors 05 – 17 Muhanga
- UR Rwamagana 00 – 24 UR Rukara
- Burera Tigers 00 – 31 Kigali Sharks
- Lion de Fer 43 – 00 Rwamagana Hippors
- UR Huye 15 – 00 UR Rwamagana
- Thousand Hills 38 – 00 Burera Tigers.

**Uko imikino y'amajonjora yagenze mu cyiciro cy'abagore:**

- UR Rukara 10 – 00 UR Rwamagana
- Kigali Sharks 15 – 00 UR Rwamagana
- UR Rukara 00 – 17 Kigali Sharks

Nyuma y'imikino y'amajonjora, mu cyiciro cy'abagabo amakipe ya Lion de Fer, Kigali Sharks, UR Rukara na Thousand Hills zahise zikatisha itike y'imikino ya ½.

**Uko imikino ya ½ yagenze:**

- Lion de Fer 05 – 00 Kigali Sharks
- UR Rukara 05 – 22 Thousand Hills

Ku mukino wa nyuma, Lion de Fer yegukanye igikombe itsinde Thousand Hills 19 – 00, mu gihe Kigali Sharks yegukanye umwanya wa gatatu itsinze UR Rukara 17– 00.

**Uko amakipe yakurikiranye mu cyiciro cy'abagabo:**

1. Lion de Fer
2. Thousand Hills
3. Kigali Sharks
4. UR Rukara

**Uko amakipe yakurikiranye mu cyiciro cy'abagore:**

1. Kigali Sharks
2. UR Rukara
3. UR Rwamagana

**Ibihembo byatanzwe ku makipe n'abakinnyi bahize abandi:**

- Most Improved Team (Men): Burera Tigers
- MVP (Men): Ikorikwishaka Patrick (Lion de Fer)
- MVP (Women): Ubazimana Eulide (UR Rukara)



## GMT 2022 - ARPST:

## BK BBC yegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Ikipe ya BK BBC ni yo yegukanye igikombe cy'irushanwa ryo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ryari ryateguwe n'Ishyirahamwe ry'Imikino y'Abakozi “ARPST”.

Iyi mikino yabaye taliki21 na 22 Gicurasi 2022 ibera ku kibuga cya Stecol Corporation ikorera mu Karere ka Gasabo.

Ku wa Gatandatu taliki 21 Gicurasi 2022 hakinywe imikino ya ½ yitabirwa n’amakipe ane yitwaye neza mu mwaka wa 2019-2020.

Ikipe ya RwandAir BBC yatsinze Stecol BBC mu gihe BK BBC yatsinze Minisiteri y’Ingabo “MoD BBC”.

Taliki 22 Gicurasi 2022 hakinywe umukino wa nyuma n’uwo guhatanira umwanya wa gatatu. Mu guhatanira umwanya wa gatatu, ikipe ya Stecol BBC yatsinze MoD BBC amanota 69-61 naho ikipe ya BK yegukana igikombe itsinze RwandAir BBC amanota 98 kuri 78.

Buri mwaka, Amashyirahamwe y’imikino mu Rwanda ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo “MINISPORTS” na Komite Olempike y’u Rwanda ategura amarushanwa mu rwego rwo kwibuka by’umwahariko abari bagize umuryango mugari wa siporo yaba abakinnyi, abatoza, abayobozi n’abakunzi b’imikino bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




## Football:

## Shampiyona y'u Rwanda igeze ku munsi wa 28

**Imikino y'umunsi wa 28 uko yagenze:**

- AS Kigali 0-0 Bugesera FC
- Espoir FC 1-1 Marines FC
- Gasogi United 2-1 Musanze FC
- Rayon Sports 3-1 Etincelles FC
- Rutsiro FC 2-3 Police FC
- Gorilla FC 1-2 APR FC
- Kiyovu 1-1 Etoile de l’Est FC
- Mukura 1-0 Gicumbi FC

**Urutonde rwa shampiyona 2021-2022 nyuma y'umunsi wa 28:**

| Umwanya | | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|---|
| 1 | | APR FC | 28 | 63 |
| 2 | | Kiyovu | 28 | 61 |
| 3 | | Rayon Sports | 28 | 47 |
| 4 | | Mukura | 28 | 44 |
| 5 | | AS Kigali | 28 | 43 |
| 6 | | Police FC | 28 | 40 |
| 7 | | Musanze FC | 28 | 37 |
| 8 | | Espoir FC | 28 | 34 |
| 9 | | Marines FC | 28 | 34 |
| 10 | | Gasogi United | 28 | 33 |
| 11 | | Bugesera FC | 28 | 31 |
| 12 | | Etincelles FC | 28 | 31 |
| 13 | | Gorilla FC | 28 | 29 |
| 14 | | Etoile de l’Est FC | 28 | 27 |
| 15 | | Rutsiro FC | 28 | 26 |
| 16 | | Gicumbi FC | 28 | 18 |



*Gasogi United ikina na Musanze FC mu mukino yayitsinzemo 2-1*

# Basketball

## Habaye imikino y'icyiciro cya kabiri mu bagabo

Taliki 21 na 22 Gicurasi 2022 habaye imikino ya shampiyoan y'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze:**

**Taliki 21-05-2022**
ITS Kigali 83-66 UR CE
Wibena 84-52 UR CST
Karongi BBC 35-39 Kicukiro Buckets
Orion 103-80 Flame
Black Thunders 35-71 Kigali Titans

**Taliki 22-05-2022**
Orion 96-75 Wibena 2022
Black Thunders 48-47 UR CAVM
Spartants 31-103 Elite BBC
Karongi BBC 71-64 UR CST
Inspired Generation 79-67 UR CE
Flame 71-61 Kicukiro Buckets






## **BAL 2022:** Ikipe ya US Monastir na Petro de Luanda zageze ku mukino wa nyuma

Ikipe ya US Monastir yo muri Tunisia ndetse na Petro de Luanda yo muri Angola zamaze gukatisha itike yo gukina umukino wa nyuma mu irushanwa ry'Afurika ry'amakipe yatwaye ibikombe iwayo muri Basketball mu bagabo "Africa Basketball League 2022".

Mu mikino ya ½ cy'irangiza yabaye taliki 25 Gicurasi 2022, ikipe ya Petro de Luanda yo muri Angola yari yegukanye umwanya wa gatatu muri BAL 2021 yasezereye ikipe ya FAP yo muri Cameroun ku manota 88 kuri 74.

Ikipe ya US Monastir yo muri Tunisia yageze ku mukino wa nyuma wa BAL isezereye ikipe ya Zamalek yo mu Misiri ku manota 88 kuri 81.

Ikipe ya US Monastir yihimuye kuri Zamalek kuko muri BAL 2021 ubwo yakinwa ku nshuro ya mbere, Zamalek yatsinze US Monastir ku mukino wa nyuma iyitwara igikombe ku manota 76 kuri 63.

**Gahunda y'imikino ya nyuma**

Biteganyijwe kuwa Gatanu taliki 27 Gicurasi 2022 hazaba umukino wo guhatanira umwanya wa 3 uzahuza ikipe ya Zamalek ifite igikombe giheruka na FAP i saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00).

Umukino wo guhatanira igikombe uzahuza ikipe ya Petro de Luanda na US Monastir, ku wa Gatandatu taliki 28 Gicurasi kuva saa kumi n'ebyiri (18h00).

Iyi mikino ya BAL 2022 yatangiye gukinwa muri Werurwe 2022 ahabaye imikino y'amajonjora yabereye i Dakar na Cairo nyuma amakipe 8 muri 12 akomereza i Kigali mu mikino ya nyuma yatangiye taliki 21 Gicurasi.

# Cricket:

## Sorwathe CC yegukanye igikombe cya shampiyona mu bagore

Ku Cyumweru taliki 22 Gicurasi 2022 ni bwo hasojwe shampiyona y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri mu mukino wa Cricket mu bagore " 2022 RCA T20 Cup Women Division 1 & Division 2".

Ikipe ya Sorwathe CC ni yo yegukanye igikombe mu cyiciro cya mbere nyuma yo gutsinda ku mukino wa nyuma ikipe ya Indatwa Hampshire CC.

Muri uyu mukino wabereye kuri Stade Mpuzamahanga ya Gahanga, Sorwathe CC ni yo yatangiye ikubita agapira ishaka amanota "Batting" aho yakoze amanota 72 mu dupira 120 (Overs 20) , abakinnyi 8 bava mu kibuga (8 Wickets).

Ikipe ya Indatwa Hampshire CC yatangiye gukubita agapira na yo ishaka amanota "Batting" maze mu dupira 116 (Overs 19.2) ikora amanota 72 abakinnyi bayo 10 bava mu kibuga (10 Wickets).

Kuko aya makipe yanganyaga amanota 72 kuri 72, hongeweho udupira 6 kuri buri kipe "Super Over".

Ikipe ya Indatwa Hampshire CC ni yo yabanje gukubita agapira «Batting » maze ikora amanota 11 mu dupira 6 (Over 1). Ikipe ya Sorwathe CC yasabwaga gutsinda amanota 12 igahita yegukana intsinzi. Mu dupira 4 (Overs 0.4 ) iyi kipe yahise ikora amanota 14 ihita yegukana igikombe.

Umukinnyi Mukandayisenga Jeannette ukinira ikipe ya Sorwathe CC ni we witwaye neza muri uyu mukino.

Muri iki cyiciro amakipe 5 ni yo yari yitabiriye aho yakinnye hagati yayo maze ikipe ya Indatwa Hampshire CC igasoreza ku mwanya wa mbere n'amanota 8 ikurikiwe na Sorwathe CC n'amanota 6, Charity CC ku mwanya wa 3 n'amanota 4, Queens of Victory CC ku mwanya wa 4 n'amanota 2 naho ku mwanya wa 5 haza Indorwa Women CC aho nta nota na rimwe ifite.

Igikombe giheruka cyari cyegukanwe n'ikipe ya Charity CC ubu yasoreje ku mwanya wa 3 mu gihe ikipe ya Sorwathe CC yari yasoreje ku mwanya wa 4.

Mu cyiciro cya kabiri ho nta mukino wa nyuma wabaye ahubwo amakipe yakinnye hagati yayo umukino ubanza n'uwo kwishyura maze ikipe ya White Clouds CC isoreza ku mwanya wa mbere n'amanota 12 aho yatsinze imikino yose yegukana igikombe.

Ku mwanya wa kabiri hasoreje Eastern Phoenix CC n'amanota 6, Muhanga Zebra CC isoreza ku mwanya wa 3 n'amanota 4 naho Bugesera Dolphins CC isoreza ku mwanya 4 n'amanota 2.



# Handball:

## Shampiyona y'u Rwanda yarakomeje muri weekend ishize

Taliki 21 na 22 Gicurasi 2022 imikino ya shampiyona y'u Rwanda mu mukino wa Handball yarakomeje mucyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

### Uko imikino yagenze

### Icyiciro cya mbere mu bagabo

- UR Rukara 16-35 Nyakabanda HBT
- Gicumbi HBT 30-24 ADEGI
- APR HBC 29-14 UR Rukara
- Nyakabanda HBT 19-37 Gicumbi HBT
- ADEGI 20-31 APR HBC

### Icyiciro cya kabiri mu bagabo

- UR Nyagatare 17-19 GS St Aloys
- GS St Aloys 20-26 UR Rwamagana

### Icyiciro cya mbere mu bagore

- UR Huye 18-03 UR Remera
- Kiziguro SS 63-18 UR Nyagatare
- UR Remera 05-57 Gicumbi HBT
- UR Huye 17-15 UR Nyagatare
- Gicumbi HBT 22-37 Kiziguro SS





**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIVISION 1**

**TABLE STANDINGS**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Police HBC | 6 | 6 | 0 | 0 | 307 | 131 | 176 | 18 |
| 2 | ES Kigoma | 6 | 4 | 0 | 2 | 191 | 159 | 32 | 14 |
| 3 | UR Huye | 6 | 4 | 0 | 2 | 165 | 160 | 5 | 14 |
| 4 | GS St. Martin Hanika | 6 | 1 | 0 | 5 | 132 | 221 | -89 | 8 |
| 5 | Munyove HC | 6 | 0 | 0 | 6 | 108 | 232 | -124 | 5 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gicumbi HT | 6 | 6 | 0 | 0 | 235 | 111 | 124 | 18 |
| 2 | APR HC | 6 | 5 | 0 | 1 | 179 | 132 | 47 | 16 |
| 3 | ADEGI | 6 | 2 | 0 | 4 | 165 | 180 | -15 | 10 |
| 4 | Nyakabanda HC | 6 | 2 | 0 | 4 | 153 | 170 | -17 | 10 |
| 5 | UR Rukara | 6 | 0 | 0 | 6 | 103 | 242 | -139 | 6 |

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE-DIV 2**

**TABLE STANDINGS (Phase Aller)**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | UR Gikondo | 5 | 4 | 0 | 1 | 116 | 74 | 42 | 13 |
| 2 | Vision JN | 5 | 3 | 1 | 1 | 124 | 114 | 10 | 12 |
| 3 | UR Nyarugenge | 5 | 3 | 0 | 2 | 138 | 118 | 20 | 11 |
| 4 | UR Rusizi | 5 | 1 | 2 | 2 | 94 | 103 | -9 | 9 |
| 5 | UR Busogo | 5 | 1 | 1 | 3 | 89 | 107 | -18 | 8 |
| 6 | UR Remera | 5 | 1 | 0 | 4 | 62 | 107 | -45 | 6 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Gorillas HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 114 | 91 | 23 | 12 |
| 2 | UR Rwamagana | 4 | 3 | 0 | 1 | 97 | 88 | 9 | 10 |
| 3 | TVET Mutenderi | 4 | 2 | 0 | 2 | 95 | 97 | -2 | 8 |
| 4 | GS St. Aloys | 4 | 1 | 0 | 3 | 78 | 98 | -20 | 6 |
| 5 | UR Nyagatare | 4 | 0 | 0 | 4 | 84 | 94 | -10 | 4 |

**FEDERATION RWANDAISE DE HANDBALL**

**2022 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE**

**FIRST ROUND (PHASE RETOUR) TABLE STANDINGS**

| LEAGUE A TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | ISF Nyamasheke | 6 | 6 | 0 | 0 | 150 | 73 | 77 | 18 |
| 2 | GS Kitabi | 6 | 2 | 1 | 3 | 106 | 99 | 7 | 11 |
| 3 | Three Stars | 5 | 2 | 1 | 2 | 89 | 90 | -1 | 10 |
| 4 | UR Rukara | 5 | 0 | 0 | 5 | 45 | 128 | -83 | 5 |

| LEAGUE B TABLE STANDINGS | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
| 1 | Kiziguro SS | 8 | 7 | 0 | 1 | 314 | 95 | 219 | 22 |
| 2 | Gicumbi WHC | 8 | 7 | 0 | 1 | 264 | 96 | 168 | 22 |
| 3 | UR Huye | 8 | 3 | 1 | 4 | 82 | 167 | -85 | 15 |
| 4 | UR Nyagatare | 8 | 2 | 1 | 5 | 97 | 197 | -100 | 13 |
| 5 | UR Remera | 8 | 0 | 0 | 8 | 28 | 230 | -202 | 6 |

# NPC Rwanda:

# Ikipe ya Rwamagana na UR-Nyagatare nizo zegukanye shampiyona ya Goal Ball

Ku cyumweru taliki 22 Gicurasi 2022, mu karere ka Gisagara hasojwe umwaka w'imikino muri Shampiyona ya Goalball.

Ikipe ya Rwamagana mu bagabo na UR-Nyagatare mu bagore nizo zegukanye igikombe cya Shampiyona mu gihe Utetiwabo Rachel na Mugisha Vicent ari bo bakinnyi bitwaye neza muri shampiyona (MVP'S).

Iyi Shampiyona yatangiye mu kwezi kwa kabiri uyu mwaka, ikinwa mu byiciro (phase) bine yitabirwa n'amakipe 13 mu bagabo n'amakipe 7 mu bagore.



*Ikipe ya Rwamagana mu bagabo yishimira igikombe cya shampiyona y'umwaka wa 2022 yegukanye.*



*Utetiwabo Rachel ashyikirizwa igihembo cy'umukinnyi witwaye neza muri shampiyona y'umwaka wa 2022 mu bagore.*



*Ikipe ya UR-Nyagatare mu bagore yishimira igikombe cya shampiyona y'umwaka wa 2022 yegukanye.*




*Mugisha Vicent ashyikirizwa igihembo cy'umukinnyi witwaye neza muri shampiyona y'umwaka wa 2022 mu bagabo.*

# Football:

# Salima Mukansanga yashyizwe mu bazasifura imikino y'Igikombe cy'Isi 2022

Umunyarwandakazi Salima Mukansanga yashyizwe ku rutonde rw'abasifuzi batatu b'abagore bazasifura imikino y'Igikombe cy'Isi 2022 kizabera muri Qatar kuva taliki 21 Ugushyingo kugeza 18 Ukuboza 2022.

Abandi bagore bari ku rutonde rumwe harimo Stephanie Frappart ukomoka mu Bufaransa na Yoshimi Yamashita ukomoka mu Buyapani. Abo bagore bakazaba bungirijwe na bagenzi babo b'abagore na none.

Mukansanga ni nawe wabaye umugore wa mbere wasifuye umukino w'abagabo mu gikombe cy'Afurika "CAN 2021".


Abo basifuzi batatu b'abagore bagaragara ku rutonde rw'abasifuzi 36 n'ababunganira 69 byatangajwe n'Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi "FIFA" ko bazasifura muri iyo mikino y'Igikombe cy'Isi 2022.



*Umunyarwandakazi Salima Mukansanga yashyizwe ku rutonde rw'abasifuzi batatu b'abagore bazasifura imikino y'Igikombe cy'Isi 2022 kizabera muri Qatar*



*Umuyapanikazi Yamashita Yoshimi uri mu basifuzi b'abagore bazasifura igikombe cy'Isi 2022 kizabera Qatar.*



*Umufaransa Stephanie Frappart nawe ari muba bagore batatu batorewe kuzasifura igikombe cy'Isi 2022 kizabera Qatar.*

RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave